ITANGAZO RYA CYAMUNARA

Ikigo Gishinzwe Ibibuga by'Indege mu Rwanda (Rwanda Airports Company Ltd/RAC) kiramenyesha ababyifuza bose ko kiri gitegura cyamunara y'ibikoresho byakoze bitandukanye birimo ibyuma bitandukanye, imbaho zakoze, ibikoresho by'amazi, ibikoresho by'amashyanyarazi, ibikoresho by'ikoranabuhanga, intebe, utubati n'ibindi bikubiye mu ma Lots atandukanye, bihereye ku Kibuga cy'Indege cya Kigali. Ku Kibuga cy'Indege cya Rubavu ho hari ibyuma byakoze, imbaho z'akoze n'ibikoresho by'amazi byakoze.

Gusura ibikoresho i Kigali, bizatangira tariki ya 29/10/2026 kugeza tariki ya 02/11/2026 guhera saa tatu (09:00) kugeza saa kumi (16:00), ku Kibuga cy'Indege cya Kigali urenze kw'isoko rya Kabeza, ku marembo yambere ya Airforce ku gahanda gakata iburyo urenze ayo marembo.

Gusura ibikoresho i Rubavu, bizatangira tariki ya 29/10/2026 kugeza tariki ya 02/11/2026 guhera saa tatu (09:00) kugeza saa kumi (16:00), ku Kibuga cy'Indege cya Rubavu.

Icyiro cya mbere cya cyamunura kizaba ku Kibuga cy'Indege cya Kigali aho ibyo bikoresho bihereye tariki ya **03/11/2026** saa **10h00** za mugitondo.

Icyiro cya kabiri cya cyamunura kizaba ku Kibuga cy'Indege cya Rubavu aho ibyo bikoresho bihereye tariki ya **04/11/2026** saa **10h00** za mugitondo.

Icyitonderwa:

1. Uguze asabwa kwishyura ako kanya amafaranga yose cyangwa se ingwate ya 30% y'igiciro, yishyurwa kuri banki cyangwa kuri Momo Pay ya RAC gusa.

2. Mu gihe uwaguze yishyuye 30%, asigaye ayishyura bitarenze iminsi itanu (5) uhereye umunsi Cyamunara yabereyeho. Atabyubahiriza agatakaza uburenganzira kubyo yari yaguze kandi ntasubizwa amafaranga yamaze kwishyura.

3. Uwishyuye amafaranga yose asabwa gutwara ibyo yaguze bitarenze iminsi itatu amaze kwishyura, atabyubahiriza akazishyura amafaranga angana n'ibihumbi icumi (10,000Frw) ku munsi yo gucunga umutekano wabyo

4. Abifuza ibindi bisobanuro babariza kuri aderese zikurikira: **0724123047/ 0724123113 / 0724123030/ 0783507867**

Bikorewe i Kigali, tariki / / 2026

Electronically Signed By:
Charles HABONIMANA
Date: 27 Oct 2026

Charles HABONIMANA
Umuyobozi Mukuru

RWANDA AIRPORTS COMPANY